RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2024** Tariki 28 Werurwe - 01 Mata




## P.1 Football : Rayon Sports yashyikirijwe igikombe cya shampiyona

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

## Ibirimo


P1 **Football :** Rayon Sports yashyikirijwe igikombe cya shampiyona

P1 **Basketball:** Habaye imikino ya shampiyona

P2 **Volleyball :** Habaye imikino ya shampiyona

P3 **Football :** Habaye imikino y'umunsi wa 25 ya shampiyona

P3 **Rugby :** Habaye imikino y'umunsi wa kabiri wa shampiyona

P4 **Cricket :** Uganda yegukanye "Easter Youth ODI Series 2024"

P4 **Football :** Abakinnyi babiri ba PSG y'abagore basuye u Rwanda

P5 **Handball :** Habaye imikino ya shampiyona

1

## **Football :** Rayon Sports yashyikirijwe igikombe cya shampiyona

Tariki 30 Werurwe 2024 ni bwo hasojwe shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagore "Rwanda Women National League 2023-2024". Ikipe ya Rayon Sports yagiye gukina yaramaze kwegukana igikombe yitwaye neza itsinda Fatima FC ibitego 5-0.

Iyi kipe ya Rayon Sports ikaba yarahise ishyikirizwa igikombe cya shampiyona yegukanye ku nshuro ya mbere kuko uyu ari umwaka wa mbere ikinnye shampiyona y'icyiciro cya mbere.








## **Basketball:** Habaye imikino ya shampiyona

Tariki 29 Werurwe kugeza 01 Mata 2024 habaye imikino ya shampiyona ya Basketball "Rwanda Basketball League 2024" mu cyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore.

**Uko imikino yagenze**
**Icyiciro cya mbere**
**Mu bagabo**
**Tariki 29-03-2024**
- APR BBC **78-75** REG BBC

**Tariki 30-03-2024**
- Orion BBC **64-74** Tigers BBC
- Patriots BBC **93-45** Inspired Generation

**Tariki 01-04-2024**
- Kepler BBC **86-89** REG BBC

**Mu bagore**
**Tariki 29-03-2024**
- APR BBC **77-75** REG BBC

**Tariki 30-03-2024**
- The Hoops **80-37** EAUR

**Tariki 31-03-2024**
- GS Gahini **44-36** UR Kigali BBC

**Tariki 01-04-2024**
- IPRC Huye BBC **72-90** APR BBC
- GS Marie Reine **79-39** UR Huye
- Kepler BBC **63-65** REG BBC






# Volleyball : Habaye imikino ya shampiyona

Tariki 29, 30 na 31 Werurwe 2024 mu Mujyi wa Kigali habereye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mukino wa Volleyball mu bagabo n'abagore.

**Uko imikino yagenze**

- **Mu bagabo**










Republic of Rwanda Special Guarantee Fund | KIGALITODAY | FORZZA

| 31.03.2024 RWANDA NATIONAL LEAGUE SERIE A TEAMS' RANKING | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| MEN CATEGORY | | | | | | | | | | | | | |
| RK | TEAMS | POINTS | MATCHES | | | RESULTS DETAILS (SETS) | | | | | | SETS RATIO | POINTS RATIO |
| | | | W | L | T | 3-0 | 3.-1. | 3.-2. | 0-3 | 1.-3. | 2.-3. | | |
| 1 | REG | 29 | 10 | 2 | 12 | .8. | 1 | 1 | 2 | 0 | 0 | 30/9=3.33 | 926/715=1.295 |
| 2 | PVC | 29 | 9 | 3 | 12 | 6 | 3 | 0 | 1 | 0 | 2 | 31/12=2.58 | 1010/790=1.278 |
| 3 | GVC | 28 | 9 | 3 | 12 | 7 | 2 | 0 | 1 | 1 | .1. | 30/11=2.72 | 914/805=1.135 |
| 4 | KEP | 26 | 9 | 3 | 12 | 7 | 0 | 2 | 1 | 1 | 1 | 30/13=2.30 | 1004/903=1.111 |
| 5 | APR | 26 | 9 | 3 | 12 | 6 | 1 | 2 | 2 | 0 | 1 | 29/14=2.07 | 988/865=1.142 |
| 6 | IPN | 17 | 6 | 6 | 12 | 3 | 2 | 1 | 5 | 1 | 0 | 19/19=1 | 851/906=0.939 |
| 7 | KRH | 10 | 3 | 9 | 12 | 0 | 3 | 0 | 6 | 2 | 1 | 13/30=0.433 | 883/1019=0.866 |
| 8 | KVC | 8 | 3 | 9 | 12 | 1 | 1 | 1 | 6 | 3 | 0 | 12/28=0.42 | 846/1013=0.835 |
| 9 | EAU | 6 | 2 | 10 | 12 | 2 | 0 | 0 | 7 | 3 | 0 | 9/30=0.3 | 796/947=0.840 |
| 10 | IPM | 1 | 0 | 12 | 12 | 0 | 0 | 0 | 9 | 2 | 1 | 4/32=0.125 | 712/980=0.726 |

- **Mu bagore**







Republic of Rwanda Special Guarantee Fund | KIGALITODAY | FORZZA

| 31.03.2024 RWANDA NATIONAL LEAGUE SERIE A TEAMS' RANKING | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| WOMEN CATEGORY | | | | | | | | | | | | | |
| RK | TEAMS | POINTS | MATCHES | | | RESULTS DETAILS (SETS) | | | | | | SETS RATIO | POINTS RATIO |
| | | | W | L | T | 3-0 | 3.-1. | 3.-2. | 0-3 | 1.-3. | 2.-3. | | |
| 1 | APR | 19 | 6 | 1 | 7 | .6. | 0 | 0 | 0 | 0 | 1 | 20/3=6.666 | 568/432=1.314 |
| 2 | RRA | 17 | 6 | 1 | 7 | 2 | 3 | 1 | 0 | 0 | 1 | 21/5=4.2 | 600/517=1.160 |
| 3 | PWV | 15 | 5 | 2 | 7 | 4 | 0 | 1 | 1 | 0 | .1. | 17/8=2.125 | 573/473=1.211 |
| 4 | RVC | 7 | 2 | 5 | 7 | 1 | 1 | 0 | 4 | 0 | 1 | 8/16=0.5 | 485/531=0.913 |
| 5 | EAU | 5 | 2 | 5 | 7 | 1 | 0 | 1 | 3 | 2 | 0 | 8/17=0.470 | 532/587=0.906 |
| 6 | IPK | 0 | 0 | 7 | 7 | 0 | 0 | 0 | 5 | 2 | 0 | 2/21=0.095 | 422/572=0.737 |





## **Football :** Habaye imikino y'umunsi wa 25 ya shampiyona

Tariki 28, 29, 30 na 31 Werurwe 2024 habaye imikino y'umunsi wa 25 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo.

**Uko imikino yagenze**

**Tariki 28-03-2024**

- Gasogi United **0-1** Etoile de l'Est FC

**Tariki 29-03-2024**

- Amagaju FC **1-0** Marines FC

**Tariki 30-03-2024**

- Gorilla FC **2-0** Police FC
- Mukura **0-1** Rayon Sports
- Kiyovu **3-1** Musanze FC

**Tariki 31-03-2024**

- Sunrise FC **0-2** AS Kigali
- Bugesera FC **2-2** Etincelles FC
- APR FC **1-1** Muhazi United






## **Rugby :** Habaye imikino y'umunsi wa kabiri wa shampiyona


Tariki 30 Werurwe 2024 habaye imikino y'umunsi wa kabiri wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo mu mukino wa Rugby "Rwanda Rugby National League 2024".

**Uko imikino yagenze**

- Resilience RFC **20-09** UR Grizzlies RFC
- Burera Tigers RFC **00-33** Kigali Sharks RFC
- Kamonyi Puma RFC **10-83** Lions de Fer RFC






RRF
RWANDA RUGBY FEDERATIO
RWANDA RUGBY NATIONAL LEAGUE 2024
After 2nd Week Standings

GROUP A

| № | TEAMS | P | W | D | L | PF | PA | PD | BP | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Lion De Fer RFC | 1 | 1 | 0 | 0 | 83 | 10 | 73 | 1 | 5 |
| 2 | Kigali Sharks RFC | 1 | 1 | 0 | 0 | 33 | 0 | 33 | 1 | 5 |
| 3 | Puma RFC | 2 | 1 | 0 | 1 | 16 | 83 | -67 | 0 | 4 |
| 4 | Rwamagana Hippos RFC | 1 | 0 | 0 | 1 | 0 | 6 | -6 | 1 | 1 |
| 5 | Burera Tigers RFC | 1 | 0 | 0 | 1 | 0 | 33 | -33 | 0 | 0 |

GROUP B

| № | TEAMS | P | W | D | L | PF | PA | PD | BP | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Resilience RFC | 1 | 1 | 0 | 0 | 20 | 9 | 11 | 0 | 4 |
| 2 | Gitisi TSS RFC | 1 | 1 | 0 | 0 | 13 | 12 | 1 | 0 | 4 |
| 3 | UR Grizzlies RFC | 2 | 0 | 0 | 2 | 21 | 33 | -12 | 1 | 1 |

## **Cricket :** Uganda yegukanye "Easter Youth ODI Series 2024"

Tariki 26 Werurwe kugeza 01 Mata 2024 Jinja muri Uganda habereye irushanwa ry'abatarengeje imyaka 19 mu mukino wa Cricket mu bahungu " U-19 Easter Youth ODI Series Tournament 2024".

Iri rushanwa ryahuje ibihugu 3 ari byo, Uganda, Kenya n'u Rwanda ryabereye Jinja SS Cricket Oval. Aya makipe uko ari 3 hakinnye hagati yayo aho buri kipe yakinnye n'indi imikino ibiri.

Ikipe y'u Rwanda yatsinzwe na Uganda imikino 2 inatsindwa kandi na Kenya imikino ibiri.

Ikipe ya Uganda na Kenya ni zo zakinnye umukino wa nyuma, ikipe ya Uganda yegukana igikombe itsinze Kenya ku kinyuranyo cy'amanota 47 (123-76).

Iri rushanwa rikaba ryarateguwe mu rwego gufasha aya makipe kwitegura imikino mpuzamahanga iteganyijwe mu minsi iri imbere.

**Abakinnyi bari bagize ikipe y'u Rwanda**

Aba ni Cyusa Yves, Iradukunda Patrick, Manirere Patrick, Nziza Karoro Jasper, Gihozo Elyse, Mutuyimana Clever, Kigabo Moise, Hakuziyaremye Theoneste, Kwizera Onesme, Manishimwe Emmanuel, Manishimwe Jean Claude, Thiama Mukeba Joel Fils, Namuhoranye Chris Yussuf, Mugisha Julesna Mugisha Obed.

Umutoza mukuru w'iyi kipe ni Tuyizere Adelin akaba yari tungirijwe na Mugisha Anselme.





## **Football :** Abakinnyi babiri ba PSG y'abagore basuye u Rwanda

Kuva tariki 01 Mata 2024, Oriane Jean-François na Paulina Dudek bakinira ikipe ya Paris Saint Germain y'Abagore mu Bufaransa bari mu Rwanda aho baje muri gahunda y'ubufatanye hagati y'u Rwanda n'ikipe ya PSG igamije gukangurira abatuye Isi gahunda ya "Visit Rwanda".

Aba bakinnyi bakoze ibikorwa bitandukanye birimo kuganira n'abana bo mu irerero rya PSG mu Rwanda, kwitabira amahugurwa y'abatoza b'amarerero, gusura Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Kigali ku Gisozi ndetse no gusura ibyiza nyaburanga bitandukanye.

Aba bakinnyi baje bari kumwe Perezida w'amarerero ya PSG, Nadia Benmokhtar ndetse n'Umuyobozi wa tekinike wayo, Benjamin Houri.















# Handball : Habaye imikino ya shampiyona

Tariki 30 Werurwe 2024 habaye imikino ya shampiyona y'umukino wa Handball mu bagabo n'abagore "Handball National League 2024".

**Uko imikino yagenze**
**Mu bagabo**
**Tariki 30-03-2024**

- Gicumbi HBT **35-25** Gorillas HBC
- Gicumbi HT **30-14** Nyakabanda HBC

**Mu bagore**
**Tariki 30-03-2024**

- Falcons **22-16** UR Rukara
- UR Rukara **29-21** UoK
- Falcons **43-13** UoK





## 2024 MEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE

1ST DIVISION || TABLE || DAY 2

| # | CLUBS | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | APR HC | 4 | 4 | 0 | 0 | 146 | 66 | 80 | 12 |
| 2 | ES KIGOMA | 4 | 3 | 0 | 1 | 105 | 106 | -1 | 10 |
| 3 | POLICE HC | 3 | 3 | 0 | 0 | 128 | 47 | 81 | 9 |
| 4 | UR HUYE | 4 | 2 | 0 | 2 | 116 | 133 | -17 | 8 |
| 5 | GICUMBI HT | 2 | 2 | 0 | 0 | 65 | 42 | 23 | 6 |
| 6 | GORILLAS HC | 4 | 1 | 0 | 3 | 111 | 126 | -15 | 6 |
| 7 | NYAKABANDA HC | 4 | 1 | 0 | 3 | 100 | 126 | -26 | 6 |
| 8 | UR RUKARA | 4 | 0 | 0 | 4 | 73 | 151 | -78 | 4 |
| 9 | ADEGI | 3 | 0 | 0 | 3 | 60 | 107 | -47 | 3 |

FERWAHAND
RWANDA HANDBALL FEDERATION



## 2024 WOMEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE

1ST DIVISION || TABLE || DAY 1

| # | CLUBS | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | FALCONS | 2 | 2 | 0 | 0 | 65 | 29 | 36 | 6 |
| 2 | ESC NYAMAGABE | 2 | 2 | 0 | 0 | 60 | 27 | 33 | 6 |
| 3 | ISF NYAMASHEKE | 2 | 1 | 0 | 1 | 51 | 39 | 12 | 4 |
| 4 | UR RUKARA | 2 | 1 | 0 | 1 | 45 | 43 | 2 | 4 |
| 5 | UOK | 2 | 0 | 0 | 2 | 34 | 72 | -38 | 2 |
| 6 | UR HUYE | 2 | 0 | 0 | 2 | 22 | 67 | -45 | 2 |
| 7 | KIZIGURO SS | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| 8 | TTC DE LA SALLE | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |

FERWAHAND
RWANDA HANDBALL FEDERATION



RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave